# 18: Umwungeri wacu ni we Yesu

1.
Umwungeri wacu ni we Yesu;
Ajy' arinda intama ze. Aturagira mu bwatsi bwiza;
Ni W' utububumbatira. Yes'Umwami,
Yes' Umwami Ni We waducunguye :X2

2.
Ni twe ntama zawe, Mwami Yesu ;
Utuyubor' inzira ! Uturind' ibyago n'amakuba,
Udukure mu byaha ! Yes' Umwami, Yes' Umwami,
Mutabazi, twumvire !X2

3.
Yesu yemeye kutwakir' ubu,
Nubwo dukiranirwa. Amaraso y' aratwuhagira;
Ni Wemunyambabazi ! Yes' Umwami, Yes' Umwami,
Twihute, tumwitabe.X2

4.
Yes' utwemere tw' abagusanze,
Twihannye, tubabaye. Ur' Umwami kand' ur'
Umukiza; Tur' abawe kuv' ubu !Yes' Umwami, Yes' Umwami.
Dor' abakwiragije ! X2

Visit us at indirimbo.com